

IRIBURIRO

INKURU Y'UMUGANI NO KWIYIBUTSA

Igisobanuro:

Cucika intege- gutakaza umwete, ibyiringiro, kwizera, gutakaza umutima.

Ikibazo

Nihe hantu hakugora ukunze gucikira intege?

Cucika intege nicyo kintu cya mbere cyangiza umugambi w'Imana ku buzima bwawe, mbere gato yo kubona ibihebuje kuruta ibindi by'Imana idufitiye abenshi muri twe duhita twisinzirira.

UMUGAMBI W'IMANA KU GUTSINDA IGIKOKO CYO GUCIKA INTEGE

A - Imyumvire

Ubushake bw'Imana mu bihe bikomeye- **KWIHANGANA GUTERA UMUNEZERO**

Bene Data, mwemere ko ari iby'ibyishimo rwose nimugubwa gitumo n'ibibagerageza bitari bimwe, 3mumenye yuko kugeragezwa ko kwizera kwanyu gutera kwihangana. 4Ariko mureke kwihangana gusohoze umurimo wako, mubone gutungana rwose mushyitse mutabuzeho na gato. (Yakobo 1:2-4)

R - Ubutunzi

Imana idusezeranya muri urwo rugendo- **UBWENGE NDENGAKAMERE**

Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana iha abantu bose itimana, itishāma kandi azabuhabwa. 6Ariko rero asabe yizeye ari nta cyo ashidikanya, kuko ushidikanya ameze nk'umuraba wo mu nyanja, ujyanwa n'umuyaga ushushubikanywa. 7Umeze atyo ye kwibwira ko azagira icyo ahabwa n'Umwami Imana, 8kuko umuntu w'imitima ibiri anāmūka mu nzira ze zose. (Yakobo 1:5-8)

T - IYOBOKAMANA

Icyo Imana yita kwihangana - **IMYUMVIRE Y'UMWUKA**

Mwene Data w'umukene yishimire yuko afite isumbwe, naho umutunzi yishimire yuko acishijwe bugufi, kuko azashiraho nk'uburabyo bw'ibyatsi. Kuko izuba iyo rirashe rifite ubushyuhe bwotsa, ryumisha ibyatsi uburabyo bwabyo bugahunguka, ubwiza bw'ishusho yabyo bukabura. Uko ni ko umutunzi azumira mu nzira ze zose. Hahirwa umuntu wihanganira ibimugerageza, kuko namara kwemerwa azahabwa ikamba ry'ubugingo, iryo Imana yasezeranije abayikunda. (Yakobo 1:9-12)

GUKOMERA MU BIHE BIKOMEYE BISABA:

1. Kubona uko Imana ibona ibyo urimo gucamo. (Yakobo 1:9-11)
 - Gute? Kurebesha ibyo ducamo amaso yo **KWIZERA**.
2. Uko Imana ibona ahazaza hawe. (Yakobo 1:12a)
 - Gute? Kurebesha ahazaza hacu mu ndorerwamo y' **IBYIRINGIRO**.
3. Uko Imana ibona impamvu yacu. (Yakobo 1:12a)
 - Gute? Kureba impamvu yacu mu ndorerwamo y' **URUKUNDO**.

INCAMAKE NO KWIYIBUTSA

USHOBORA KWIRUKANA UMUDAYIMONI WO GUCIKA INTEGE!

1. ongera utekereze kubyo uri gucamo.
 - Isuzuma. Ese kwizera kwanjye gushingiye ku bintu bishira cyangwa ku bintu **BY'ITEKA?**
2. ongera usuzume ibyo uhanze amaso.
 - Isuzuma: Ese Ibyiringiro byanjye bishingiye ku bunini bw'ibibazo mfite cyangwa ku kwizerwa **KW'AMASEZERANO Y'IMANA?**
3. ongera usuzume impamvu igusunika.
 - Isuzuma: Ese impamvu nyamukuru insunika ni **URUKUNDO MFITIYE KRISTO** cyangwa ni ugushaka kwiyorohereza gusa?

IBIBAZO BYO KWIGAHO

1. Andika mu nteruro imwe ikintu ubu ngubu kirimo kuguca intege kurusha ibindi.
2. Gira uwo usangiza igisubizo cyawe cya mbere niba bigushobokeye kandi wumva ari nta kibazo ubifiteho.
3. Sangiza imbaraga z'uko wumva ibintu zihura n'ibyo urimo gucamo. Onger a unyure mu bintu bitatu Yakobo 1:9-12 yavuze werekane uburyo byatanze umucyo mu kibazo urimo gucamo.
4. Senger a umuntu uzi uri guca mu bihe "bikomeye."